# Sobanukirwa iby’Igihembwe cy’Urugaryi rwa 2025 cy'Umunyeshuri wawe Indangamanota y'Isuzumabumenyi ry'Umwaka muri Maine

## Igipimo cy'Amanota muri Maine

Imirongo y'amabara, ishushanyije itambitse ku ndangamanota y'umunyeshuri wawe igaragaza igipimo cy'amanota y'umunyeshuri wawe muri Maine. Aya manota apima imikorere y'umunyeshuri wawe muri iri suzuma hashingiwe ku bushobozi bw'ingenzi mu gusoma n'imibare mu mwaka yigamo hagendewe ku bipimofatizo bya leta ku kigero cye.

Isuzuma ryo gusoma mu cyiciro cya 3 ripima ubushobozi nko:

- Gusubiza ibibazo ku bavugwa mu mwandiko, aho byabereye, n'uko inkuru yagenze.
- Kumenya isomo wakura mu nsigamigani n'imigani yo mu mico itandukanye.
- Kumenya igitekerezo cy'ibanze n'amakuru y'ingenzi mu nyandiko ikubiyemo amakuru.
- Gukoresha imiterere y'inyandiko nk'umutwe n'amagambo y'ingenzi mu kubona amakuru byihuse.

Isuzuma ry'imibare mu cyiciro cya 3 ripima ubushobozi nko:

- Gusobanukirwa amayeri yo gukuba no kugabanya imibare itarenze 100.
- Kongera ubushobozi bwo gusobanukirwa n’imigabane.
- Kongera ubushobozi bwo gusobanukirwa ibice cyangwa ubuso by'urukiramende.
- Gusobanura no gusesengura ibinyampande bifite impande ebyiri.

Igipimo cy'Amanota muri Maine gihuzwa n'urugero rw'ibyo Yagezeho aho bisobanura neza imikorere y'umunyeshuri hagendewe kubyo leta imutegerejeho. Urugero rw'ibyo Yagezeho ni Munsi cyane y'Ibyo Leta Imutegerejeho, Munsi y'Ibyo Leta Imutegerejeho, Ibyo Leta Imutegerejeho, no Hejuru y'Ibyo Leta Imutegerejeho.

## Igikoresho Kiranga Urugero rw'ibyo Yagezeho

I gikoresho Kiranga Urugero rw'ibyo Yagezeho gitanga amakuru arambuye ku bipimofatizo mu myigire runaka byasuzumwe kuri buri cyiciro n'ibikubiye muri ibyo bipimofatizo mu bushobozi butandukanye kuri buri rugero rw'ibyo yagezeho.

*Uko wabona Igikoresho Kiranga Urugero rw'ibyo Yagezeho*